# ABADAHIGWA B'AMAHORO

RDRC

Nyakanga 2021

## IKINYAMAKURU CYA KOMISIYO Y'IGIHUGU YO GUSEZERERA ABASIRIKARE NO KUBASUBIZA MU BUZIMA BUSANZWE



## Duhagaze neza ku rugamba rw'iterambere tubifashijwemo na RDRC-Abanyamuryango ba Koperative TWIYUBAKE

United Nations Peacebuilding
Peacebuilding Fund

UNDP
Empowered lives
Resilient nations

UNITED NATIONS RWANDA

UN WOMEN

# Ibirimo


**Ijambo ry'ibanze**........................P. 2

Abahoze bahanganye ku rugamba ubu barakorera hamwe bubaka igihugu...........................P. 3

Duhagaze neza ku rugamba rw'iterambere tubifashijwemo na RDRC-Abanyamuryango ba Koperative TWIYUBAKE...............................P. 5

Abagenerwabikorwa ba RDRC barishimira kwiga imyuga izabafasha kwiteza imbere.......P. 7

Mutobo: Abahoze mu mitwe yitwaje intwaro 703 bari kwiga imyuga izabafasha mu mibereho yabo..............................................P. 8

Imboga n'imbuto zinjiriza Private (Rtd.) Munyarukundo wamugariye ku rugamba asaga 100,000 frw................................................P. 9

Bumbogo: Abamugariye ku rugamba barishimira amazu yo guturamo bahawe...................P. 11


# Ijambo ry'Ibanze

## Bakunzi b'ikinyamakuru cyacu

## "ABADAHIGWA B'AMAHORO"

Dushimishijwe cyane no kubagezaho nimero yacu ya Nyakanga 2021,

Nkuko mumaze kubimenyera, buri kwezi tubagezaho inkuru zitandukanye zigamije kubafasha kungurana ibitekerezo, kwigira ku iterambere abandi bagezeho no kumenya ibikorwa by'ingenzi mugenerwa na Komisiyo y'Igihugu yo gusezererea abasirikare no kubasubiza mu buzima busanzwe (RDRC).

Muri iyi nimero rero, twabateguriye inkuru zitandukanye ku ruhare rw'uwasubijwe mu buzima busanzwe ku rugamba rw'iterambere igihugu cyacu kirimo.

Ibyo u Rwanda rukomeje kugeraho byose rubikesha ubuyobozi bwiza bwaharaniye ubumwe bw'Abanyarwanda, nyuma y'urugamba (bamwe muri mwe mwagizemo uruhare) rwo kubohora igihugu no guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Twabateguriye inkuru nyamukuru ivuga ku banyamuryango ba koperative y'abamugariye ku rugamba TWIYUBAKE RWOGA batangaza ko nyuma yo kuva ku rugamba rw'amasasu, ubu bageze kure biteza imbere babikesha kwishakamo ibisubizo.

Aba banyamuryango bihangiye imirimo itandukanye yunganira inkunga y'amafaranga 35,000 frw buri muryango uhabwa buri kwezi agenerwa abasirikare bamugariye ku rugamba bari mu cyiciro cya 2.

Muri iyo mirimo harimo ubuhinzi, ubworozi, ubukorikori n'ubucuruzi bw'imyaka.

Urugero musanga muri iyi nimero ni urwa Private (Rtd.) Munyarukundo Jean Bosco wasezerewe mu gisirikare mu 1997, ugaragaza ko kuba yaratakaje ukuboko ku rugamba rwo kubohora igihugu bitamubujije kwiteza imbere abikesha kwigirira icyizere no gukoresha imbaraga ze zose.

Afite umushinga w'ubuhinzi bw'imboga n'imbuto bumwinjiriza asaga 100,000 frw ku kwezi. Si ibyo gusa kuko nk'uko muza kubyisomera yigishije benshi ubuhinzi nabo babasha kwiteza imbere.

Ku rundi ruhande abanyamuryango 300 ba koperative y'abahoze ari abasirikare ikora umurimo wo gucunga umutekano mu Karere ka Muhanga (COOPEVEMU) nabo barishimira ukuntu bimakaje ubumwe n'ubwiyunge, ubusabane no gukorera hamwe, nyuma yo gusezererwa mu gisirikare gitandukanye bakoreraga no gusubizwa mu buzima busanzwe na Komisiyo y'igihugu yo gusezerera abasirikare no kubasubiza mu buzima busanzwe.

Aba nabo twarabasuye batugaragariza ko "abishyize hamwe nta kibananira', ubu nabo biteje imbere babikesha akazi kabo ka buri munsi ko gucunga umutekano bafatanya n'indi mishinga y'ubuhinzi n'ubworozi bw'ingurube.

Murumva rero ko iyo ibitekerezo n'ubushake bihari, nta kabuza kwiteza imbere biba bishoboka.

Muri iyi nimero twabateguriye kandi inkuru ku bahoze mu mitwe yitwaje intwaro mu mashyamba ya Congo (703) bo mu byiciro bya 67,68 na 69 batangiye amahugurwa y'imyuga azabafasha kwibeshaho no gutunga imiryango yabo.

Imwe mu myuga bari kwiga harimo ubwubatsi, gukora amazi, gusudira, ubudozi, kogosha no gusuka, ndetse harimo n'abari kwigishwa gukora ubuhinzi n'ubworozi kinyamwuga.

Inkuru twabateguriye ni nyinshi kandi zose ziragaruka muri rusange ku iterambere ry'imibereho y'abagenerwabikorwa bacu. Niyo mpamvu rero tubararikira gusoma iyi nimero kandi ubumenyi muvanyemo mubugeze no ku bandi, bityo twese hamwe dufatanye kuri uru rugamba rw'iterambere rirambye turimo.

**Mugire amahoro!**

# ABAHOZE BAHANGANYE KU RUGAMBA UBU BARAKORERA HAMWE BUBAKA IGIHUGU

Abanyamuryango ba koperative y'inkeragutabara ikora umurimo wo gucunga umutekano mu Karere ka Muhanga (COOPEVEMU) barishimira ukuntu bimakaje ubumwe n'ubwiyunge, ubusabane no gukorera hamwe, nyuma yo gusezererwa mu gisirikare gitandukanye bakoreraga no gusubizwa mu buzima busanzwe na Komisiyo y'igihugu yo gusezerera abasirikare no kubasubiza mu buzima busanzwe (RDRC).

Muri aba banyamuryango bagera kuri 300; harimo abarasezerewe baturutse mu ngabo z'u Rwanda RDF, abahoze mu gisirikare cyabohoye igihugu (RPA), abahoze mu ngabo za Ex. FAR, abaturutse mu mitwe itandukanye ikorera mu mashyamba ya Congo nka FDLR n'abandi.



Perezida wa COOPEVEMU (Rtd.) Staff Sergeant Rurangwa Gaspard avuga ko guhuza imbaraga byatumye bihuta mu iterambere

Perezida wa COOPEVEMU (Rtd.) Staff Sergeant Rurangwa Gaspard wasezerewe avuye mu gisirikare cya Ex. RPA, avuga ko kugeza ubu babanye nk'abavandimwe, kandi ko ubu bahuje imbaraga bishyira hamwe, ubu bakaba bafatanyije ku rugamba rw'iterambere.

Aba banyamuryango bakaba bavuga ko imyitwarire n'imibanire myiza ibaranga hagati yabo ubwabo bayikura ahanini kuri gahunda nziza y'ubumwe n'ubwiyunge yashyizweho na Leta y'u Rwanda, ariko kandi by'umwihariko bakaba bashima RDRC yakoze ibishoboka byose ikabahuriza hamwe, ikabigisha uko bazitwara bageze mu muryango nyarwanda, ndetse ikanabafata kimwe nk'abana b'Abanyarwanda nta kuvangura.

(Rtd.) Staff Sergeant Rurangwa Gaspard yagize ati "ibi bigaragaza ko icyo twarwaniraga cyagezweho. Twarwaniye ubumwe bw'Abanyarwanda, none ubu abahoze bahanganye ku rugamba turi gukorera hamwe twubaka igihugu. Turashima Leta y'U Rwanda yabidufashijemo ibinyujije muri RDRC dufata nk'umubyeyi wacu. Yaraduhuguye, iratwigisha, none ubu tubanye neza".

(Rtd.) Sergeant Major Nkundimana Joseph waturutse muri Ex. FAR agasezererwa mu cyiciro cya 34, nawe yagaragaje ko kuba abanyamuryango ba Coopevemu bari bahanganye ku rugamba, bitabacamo ibice, ahubwo bibongerera imbaraga kuko buri wese azana ingufu ze n'ibitekerezo bye byubaka igihugu bakabihuriza hamwe maze bikabafasha kwiteza imbere.



(Rtd.) Sergeant Major Nkundimana Joseph waturutse muri Ex. FAR arishimira gukorera hamwe n'abandi

(Rtd.) Sergeant Major Nkundimana Joseph yagize ati "usibye no gukorera hamwe tugira n'umwanya wo guhura tugasabana nk'abavandimwe. Urugero ni uko iyo hari umunyamuryango wacu wabyaye tumusura tukamuhemba tutitaye aho yaturutse, uwarwaye nawe turamwegera ndetse tukanamugenera ingemu ya 20,000 frw, mu gihe iyo hari uwagize ibyago nawe tumuba hafi tukanamuha 50,000 frw yo kugura isanduka".

Mu rwego rwo gufashanya muri ibi bihe bya Covid-19, abanyamuryango ba Coopevemu bavuga ko bakusanyije ibiribwa ndetse n'ibikoresho by'isuku bihabwa abari babikeneye.

Ku bijyanye n'inkunga iyi koperative yahawe na RDRC, (Rtd.) Staff Sergeant Rurangwa Gaspard avuga ko bahawe amahugurwa atandukanye bahawe na RDRC ku mibanire hagati yabo n'abandi baturage, ku kwihangira imirimo, gutangiza imishinga no ku micungire y'umutungo.



Abanyamuryango ba Cooopevemu bafata ifoto bari kumwe n'abaterankunga babo n'abakozi ba RDRC bari babasuye ku wa 25-5-2021

Si ibyo gusa kuko ngo RDRC inabagenera inkunga y'amafaranga ibafasha kurushaho guteza imbere abanyamuryango babo.

(Rtd.) Staff Sergeant Rurangwa Gaspard yagize ati "nabaha urugero rwo mu mwaka wa 2019, aho abakozi ba RDRC badusuye basanga turi inkeragutabara zaturutse muri RDF no mu yindi mitwe yarwanyaga Leta. Barebye ibikorwa byacu birabashimisha, maze baduha igihembo cy'uko twishyize hamwe kandi tukaba tumaze no kwiteza imbere. Baduhaye amafaranga 1,300,000 frw ."

Nyuma yo guhabwa iyi nkunga, aba banyamuryango bavuze ko baguze isambu batangira umushinga wo korora ingurube waje wunganira akazi kabo ka buri munsi ko gucunga umutekano.

Kugeza ubu, Perezida wa COOPEVEMU avuga ko baje gukomwa mu nkokora n'icyorezo cya Covid-19, ariko kandi ko bagerageza gufashanya uko bashoboye nk'abavandimwe.

Ati : "ubu ibikorwa byacu byasubiye inyuma kubera Covid-19. Abafatanyabikorwa bacu ntabwo bakitwishyura neza, ndetse na wa mushinga w'ingurube navuze ntabwo tukibona abakiriya. Gusa, mu mafaranga macye dufite turafashanya, ubu navuga ko tunaherutse kurihira abanyamuryango bacu ubwisungane mu kwivuza ku bantu 5 muri buri muryango, byadutwaye asaga 3,000,000 frw".

Abanyamuryango ba Coopevemu bakaba kandi bavuga ko intego bafite ari ugukomeza kwiteza imbere ku buryo bugaragara bakora akazi kabo ka buri munsi kinyamwuga ariko kandi bakaba bari no gutekereza ku yindi mishinga izabafasha kuzamura imibereho yabo.

Perezida wa Coopevemu (Rtd.) Staff Sergeant Rurangwa Gaspard avuga ko muri ibi bihe u Rwanda ruri ku rugamba rw'iterambere, ari ngombwa ko n'abaturage barwo bakoresha imbaraga zose zishoboka kugira ngo bagire uruhare mu kuzamura ubukungu bw'igihugu kandi ko n'abasezerewe mu gisirikare bibareba.

Yagize ati "n'ubwo twasezerewe mu ngabo, ibitekerezo byiza byubaka turabifite. Dufite imbaraga kandi twahawe amahugurwa n'inkunga zihagije, bivuze ko ahasigaye ari ahacu ngo tubibyaze umusaruro. Nkatwe twibumbiye hamwe muri koperative biradusaba kongera imbaraga mu byo dukora bityo umusanzu wacu mu iterambere ry'igihugu ukiyongera, ndetse n'abanyamuryango bacu bakarushaho kubaho neza. Ibyo tuzabikora cyane ko ubushake tubufite".

Mu kumwunanira, mugenzi we (Rtd.) Sergeant Major Nkundimana Joseph nawe avuga ko ibyo biyemeje bazabigeraho nta kabuza kuko bafite imbaraga bakura mu kwishyira hamwe.

Yagize ati "ntawe utakwishimira ko aho bigeze usanga Abanyarwanda bakorera hamwe. Ntawe ugitekereza kuba nyamwigendaho nkuko byahoze kera, ibi bigaragaza ko imyumvire yahindutse cyane. Mpereye kuri koperative yacu, navuga ko nta kabuza ibyo twiyemeje tugomba kubigeraho cyane ko twaturutse ahantu hatandukanye, maze turicara tujya inama, dushyira imbere ibiduhuza kandi bidufitiye inyungu".

Abanyamuryango ba COOPEVEMU bakaba kandi bashima cyane RDRC kuba muri ibi bihe bya Covid-19, yarabasuye ku wa 18 Gicurasi 2021, ibafasha gutekereza ku mushinga bakora ukazahura imibereho y'abanyamuryango babo, ndetse inabemerera inkunga. Umushinga bahisemo ni uwo kuzahura ubworozi bw'ingurube uzatwara amafaranga 10,000,000 frw.

Mu gusoza, aba banyamuryango bongeye gushima Leta y'ubumwe bw'Abanyarwanda ifata abana babo kimwe, banaboneraho gukangurira abakiri mu mashyamba ya Congo gutaha, maze nabo bakagerwaho n'ibyiza byose igihugu cyabo kimaze kugeraho, kandi ko by'umwihariko abo mu Karere ka Muhanga COOPEVEMU yiteguye kubakira, bityo nabo bakabasha gufatanya n'abandi mu iterambere.

# DUHAGAZE NEZA KU RUGAMBA RW'ITERAMBERE TUBIFASHIJWEMO NA RDRC-ABANYAMURYANGO BA KOPERATIVE TWIYUBAKE

Abanyamuryango ba koperative y'abamugariye ku rugamba TWIYUBAKE RWOGA baratangaza ko nyuma yo kuva ku rugamba rw'amasasu, ubu bageze kure biteza imbere babikesha inkunga zitandukanye bahabwa na Komisiyo y'igihugu yo gusezerera abasirikare no kubasubiza mu buzima busanzwe (RDRC).

Aba banyamuryango bagizwe n'imiryango 10 bavuga ko imwe mu nkunga ikomeye bahawe na RDRC ari amazu meza yo kubamo kandi afite ibyangombwa byose bubakiwe mu Mudugudu wa Muyange, Akagali ka Rwoga, Umurenge wa Ruhango, Akarere ka Ruhango, Intara y'Amajyepfo.

Ku nkunga ya RDRC banubakiwe kandi inzu nini ikorerwamo ibikorwa bitandukanye bibafasha kubaho, dore ko ifite ibyumba byinshi bikodeshwa, icyumba kinini cyakira inama n'ibindi birori; aho bigira imyuga, aho kwidagadurira n'ibindi.

Perezida wa koperative TWIYUBAKE, (Rtd.) Private Ngirinshuti Jean D'Amour wasezerewe mu gisirikare cya RDF (ex APR) mu 1997 nyuma yo kumugarira ku rugamba, avuga ko iyo ari mu bihe byiza iyi nyubako ibinjiriza 'agatubutse' kuko ikodeshwa na ba rwiyemezamirimo baba bashaka kuyikoreramo.



Iki, ni icyumba cyiza cy'inama bubakiwe na RDRC gikodeshya nibura 30,000 frw ku munsi.

Yatanze urugero rw'uko ku munsi ushaka icyumba k'inama cyonyine yishyura amafaranga 30,000 frw, ushaka gukodesha intebe 200 bafite nawe akishyura 100 frw ku ntebe imwe ni ukuvuga 20,000 frw ku munsi, aya mafaranga akaba ashyirwa kuri konti yabo, nyuma akabafasha mu mishinga itandukanye bafite.

Si ibyo gusa kuko buri muryango unahabwa amafaranga 35,000 frw buri kwezi agenerwa abasirikare bamugariye ku rugamba bari mu cyiciro cya 2. Aya mafaranga nayo bayifashisha mu gutunga imiryango yabo no kurihira abana amashuri.



Intebe 200 bafite nazo zikodeshwa agera ku 20,000 frw ku munsi

**Abishyize hamwe nta kibananira: Abanyamuryango ba TWIYUBAKE bahuje imbaraga biteza imbere**

Abanyamuryango ba koperative TWIYUBAKE, bagaragaza ko nyuma yo gutuzwa muri uwo mudugudu wa Muyange mu 1997, baticaye gusa ngo babere umutwaro Leta, ahubwo bicaye hasi bajya inama yuko bakwishyira hamwe mu bushobozi bafite maze nabo bakagira uruhare mu mibereho myiza yabo n'ubwo bwose hari ingingo z'umubiri batakarije ku rugamba.

Perezida wa koperative TWIYUBAKE (Rtd.) Private Ngirinshuti Jean D'Amour yagize ati "twaricaye turavuga duti: N'ubwo hari ingingo tudafite, ibitekerezo byakubaka igihugu byo turabifite. Turangije urugamba rw'amasasu, ubu tugiye mu rw'iterambere, kandi ahari ubushake byose birashoboka. Ni muri urwo rwego rero twahise dushinga ishyirahamwe kaje kuvamo iyi koperative yacu mubona".

(Rtd.) Private Ngirinshuti Jean D'Amour avuga ko mu 2013 batangiye bacuruza ubuconco, maze nyuma mu 2015 bahabwa amahugurwa na RDRC yo gushyira amarangi mu myenda, bituma bakomeza kugenda biteza imbere, hanyuma bigeze mu 2018 batangira ubucuruzi bw'imyaka bahereye ku mifuka 2 y'ibishyimbo ifite agaciro ka 93,500 frw.



Perezida wa koperative TWIYUBAKE (Rtd.) Private Ngirinshuti Jean D'amour agaburira amatungo ye

Aba banyamuryango bavuga ko ibi byose babigezeho nyuma yo gukusanya imigabane, aho buri munyamuryango yatanze 10,000 frw, ndetse kugeza ubu bakaba bakomeje kwizigamira aho buri wese atanga amafaranga 1,000 frw ku kwezi.

Kugeza ubu aba banyamuryango bagaragaza ko amafaranga yose babona abafasha cyane mu mibereho yabo n'iy'imiryango yabo, cyane ko ubu bamaze no kugira abana bakuru ndetse abenshi ubu bari kurangiza amashuri yisumbuye.

(Rtd.) Private Ngirinshuti Jean D'Amour avuga ko kugeza ubu abasha gutunga umuryango we. Ati "umugore n'abana babayeho neza, babasha kubona imyambaro n'ibibatunga, amashuri ndayishyura, ndahinga kandi nkorora, tuba ahantu heza cyane kandi by'umwihariko njyewe nyuma yo guhabwa inzu nagiye nubaka n'izindi ku ruhande, amarangi ndayasiga, mbese ubu nta kibazo dufite".

(Rtd.) Corporal Rugimbana François w'imyaka 65, yasezerewe mu gisirikare mu 1997 muri Ex APR, nawe avuga ko ashima cyane RDRC yakomeje kwita ku mibereho yabo. Yagize ati "n'ubwo ubona hari ingingo tudafite, tubayeho neza nk'abandi baturage. Ibi tubikesha amahugurwa ku icungamutungo twahawe, yatumye tubasha gukoresha neza inkunga duhabwa na RDRC".

(Rtd.) Sgt Karemera Aron w'imyaka 63, nawe akaba ashima cyane RDRC ku nkunga idahwema kubatera mu mibereho yabo ya buri munsi. Yagize ati "nkanjye ubwange ndashima RDRC kubera ko hejuru y'inkunga bagenzi banjye bavuze, tunafashwa kwishyura ubwisungane mu kwivuza. By'umwihariko tunahabwa inyunganirangingo n'insimburangingo ku bazikeneye".

Aba bagenerwabikorwa ba RDRC bakaba kandi bavuga ko bishimiye cyane uko babanye n'abaturage basanzwe, ndetse benshi babagiriye icyizere dore ko usanga bamwe ari n'abayobozi mu masibo, mu matorero babarizwamo ndetse no mu zindi nzego z'ibanze.

(Rtd.) Private Ngirinshuti Jean D'Amour yagize ati "nkanjye ubu ndi umuyobozi w'Isibo nkaba n'umwe mu bajyanama b'urusengero mbarizwamo. Ibi bimfasha gutanga ibitekerezo byubaka umuryango Nyarwanda. Aha iwacu twe abasezerewe mu ngabo basubijwe mu buzima busanzwe dufitiwe icyizere".

Mugenzi we (Rtd.) Sgt Karemera Aron avuga ko ikindi kigaragaza ko babanye neza n'abaturage basanzwe ariko bafashanya muri byose haba mu byiza ndetse no mu byago.

(Rtd.) Sgt Karemera Aron yagize ati "turagenderana n'abandi baturage kandi dukorera hamwe. Turi kumwe mu bimina, ugize ibyago turamusura, ugize ibirori nawe tukamutwerera. Ibi rero ni umusaruro w'ubuyobozi bwiza igihugu cyacu gifite".
Ibi nabyo biri mu bibafasha gukomeza gutanga umusanzu wabo mu iterambere ry'igihugu no mu zindi gahunda za Leta; nk'ubumwe n'ubwiyunge, gahunda ya Ndi Umunyarwanda, kuboneza urubyaro n'izindi.

N'ubwo ariko bagaragaza ko bageze ahashimishije, banavuga ko bafite intego yo kugera kure mu iterambere kurushaho. (Rtd.) Private Ngirinshuti Jean D'Amour avuga ko ku bufatanye na RDRC bafite gahunda yo gushaka uko bazabona ubutaka bwo kwaguriramo ubworozi n'ubuhinzi bwabo, kandi ko banifuza kuzagura imashini zidoda zizajya zifasha abagore ndetse n'abana babo bari kurangiza amashuri kubona icyo bakora.

# ABAGENERWABIKORWA BA RDRC BARISHIMIRA KWIGA IMYUGA IZABAFASHA KWITEZA IMBERE

Abahoze mu mitwe yitwaje intwaro n'abagize miryango yabo 49 biga ubumenyingiro mu ishuri ry'imyuga rya Gacuriro riri mu Murenge wa Gisozi, Akarere ka Gasabo barashima Leta y'u Rwanda ikomeje kubitaho ibigisha imyuga ibinyujije muri Komisiyo y'igihugu yo gusezerera abasirikare no kubasubiza mu buzima busanzwe (RDRC), kuko izabafasha mu iterambere ryabo ry'ejo hazaza.

Aba banyeshuri biganjemo abari abasirikare mu mitwe yitwaje intwaro mu mashyamba ya Congo, abagore batahukanye n'abagabo babo ndetse n'abana, bagaragaza ko bishimiye cyane gahunda ya RDRC yo kubigisha amasomo y'imyuga n'ubumenyingiro kuko izunganira izindi gahunda zitandukanye zashyizweho zigamije kubateza imbere, zirimo n'amafaranga bahabwa ngo abafashe gukora imishinga.

Ishuri ry'imyuga n'ubumenyingiro rya Gacuriro ni rimwe mu mashuri yagiranye amasezerano na RDRC ngo rijye ryakira abagenerwabikorwa bayo muri porogaramu y'amezi atandatu aho bigishwa imyuga itandukanye, barangiza bakanahabwa impamyabumenyi ubundi bakayoboka isoko ry'umurimo.

Muri aba banyeshuri kandi harimo abagabo 31 n'abagore 18. Mu myuga biga; 15 biga gusudira, 1 yiga guteka, 3 bigishwa ububaji, ubudozi ni 16, ubukanishi ni 7, naho abiga umwuga wo gutunganya imisatsi ni 5.

Aba bose RDRC ibishyurira amafaranga y'ishuri, ay'ibikoresho, ayo gucumbika, ndetse bakanahabwa abatunga ku ishuri.

Umuyobozi w'ishuri rya Gacuriro Padiri UWIMANA Ildephonse avuga ko bamaze igihe kinini bakorana na RDRC ku buryo usibye iki cyiciro ari ibindi byiciro bine byaharangirije.

Nyiramudacumura Patricie, ni umwe muri aba banyeshuri waturutse mu Karere ka Bugesera, mu Murenge wa Mayange, mu Kagari ka Kibirizi, Umudugudu wa Gitera wiga ubudozi.



Abagenerwabikorwa ba RDRC barishimira gushyirwa mu mashuri y'imyuga

Yagize ati "tumaze kumenya kudoda imyenda irimo ijipo n'ishati. Ubu njye maze kumenya kuba nakwidodera imyenda nambara ndetse n'ibyuma byose bigize imashini twarabyize."
Uyu mubyeyi w'abana 4 yageze mu Rwanda 2019 atahukanye n'umugabo we bavuye mu mashyamba ya Congo mu nyeshyamba za FDLR, aho babaga ahitwa Kisangani.

Avuga ko bamaze gusubizwa mu muryango nyuma yo kuva mu ngando I Mutobo (ku mugabo) n'I Nyarushishi (ku mugore) abakozi ba RDRC babasuye bababwira ko ubishaka yajya kwiga imyuga hanyuma we n'umugabo we bemeranya ko hajyayo umugore, maze ahitamo kwiga ubudozi.

Yagize ati "impamvu nahisemo kudoda ni uko nabonye byangirira umumaro n'abaturanyi turi kumwe. Wenda nkajya mbifatanya n'ubuhinzi busanzwe budutunze, nkajya nanidodera imyenda yanjye n'iy'abana. Burya iyo uri umudozi ntabwo wabura amafaranga".

Uyu mubyeyi avuga ko kuva yatangira kwiga muri Mata uyu mwaka wa 2021 usibye ubumenyi amaze kugira mu kudoda, yanahungukiye ubumenyi bw'indimi zitandukanye kuko iyi myuga bayifatanya no kwiga Icyongereza n'Igiswahili. Uyu mubyeyi w'imyaka 31 y'amavuko avuga ko afite icyizere cy'uko narangiza kwiga akabona imashini azakorera aho atuye akiteza imbere n'umuryango we.

Ntambabazi Esperance nawe w'imyaka 31 yaje kwiga umwuga w'ubudozi avuye aho atuye mu Mudugudu wa Karambo mu Kagali ka Byimana, mu Murenge wa Karenge mu Karere ka Rwamagana. Avuga ko yatahukanye n'umugabo we bavuye mu mashyamba ya Congo mu mwaka wa 2019.

Avuga ko yaje kwiga imyuga kugira ngo azunganire umugabo we mu iterambere ry'umuryango.
Aba bagenerwabikorwa, bakaba bashima cyane Leta y'u Rwanda yagize uruhare mu kubacyura mu gihugu cyabo bakava mu buzima bugoye n'intambara zidashira iyo mu mashyamba, ubu bakaba batekanye mu gihugu cyabo, ndetse ikaba ikomeje no kubafasha kwiteza imbere.

Umuyobozi w'ishuri rya Gacuriro Padiri UWIMANA Ildephonse avuga ko yishimira umusaruro uva muri ubu burezi kandi ko bamwe mu barangije muri iri shuri bagenda biteza imbere ku buryo bugaragara, aha yatanze urugero rw'umwe muri bo washinze uruganda rwenga inzoga ruherereye mu Karere ka Kamonyi.

# MUTOBO: ABAHOZE MU MITWE YITWAJE INTWARO 703 BARI KWIGA IMYUGA IZABAFASHA NYUMA YO GUSEZERERWA

Ku wa 13 Nyakanga 2021, abahoze mu mitwe yitwaje intwaro mu mashyamba ya Congo (703) bo mu byiciro bya 67,68 na 69 batangiye amahugurwa y'imyuga azabafasha kwibeshaho no gutunga imiryango yabo.

Aya mahugurwa yateguwe na Komisiyo y'igihugu yo gusezerera abasirikare no kubasubiza mu buzima busanzwe (RDRC) ari kubera mu kigo gihugurirwamo abahoze ari abasirikare cya Komisiyo y'Igihugu yo gusezerera abasirikare no kubasubiza mu buzima busanzwe kiri i Mutobo, mu Karere ka Musanze, Intara y'Amajyaruguru, akazamara amezi 6.

Imwe mu myuga bari kwiga harimo ubwubatsi, gukora amazi, gusudira, ubudozi, kogosha no gusuka, ndetse harimo n'abari kwigishwa gukora ubuhinzi n'ubworozi kinyamwuga.

Mu ijambo yabagejejeho batangira amahugurwa, Umuyobozi Mukuru wa RDRC, Nyirahabineza Valerie yabasabye kwiga neza imyuga kandi bakayibyaza umusaruro kuko ariyo izabafasha mu mibereho yabo ya buri munsi n'iy'imiryango yabo.

Yanaberetse ko ibyo bakorerwa byose babikesha Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda ikunda abaturage bayo kandi ikabafata kimwe nta vangura.

Karangwa Tresphore w'imyaka 57 wari ufite ipeti rya Sergeant mu mutwe wa FDLR, avuga ko yatashye ku bushake we n'umugore we n'abana 5. Uyu mugabo avuga ko namara kwiga umwuga yiteguye kuzawubyaza umusaruro, kandi ko azakoresha imbaraga ze zose kugira ngo yiteze imbere we n'umuryango



Aba ni bamwe mu bahoze mu mashyamba ya Congo mu mitwe yitwaje intwaro bahisemo kwiga umwuga w'ubwubatsi

we cyane ko anagaragaza ko yicuza umwanya we yatakaje mu mashyamba ya Congo.

Yagize ati "igihe twatakaje kirahagije. Twageze mu Rwanda dusanga abandi baradusize, ariko turashimira RDRC ko yatekereje kutwigisha imyuga izadufasha natwe kwihuta mu iterambere."

Umuyobozi w'Ikigo cya Mutobo, Majoro RUTAGENGWA Samuel, avuga ko abari kwiga imyuga baturutse ahanini mu mitwe yitwaje intwaro ya CNRD-Ubwiyunge (wiyomoye kuri FDLR), uwa FDLR, RUD, n'indi.

Yakomeje avuga ko usibye imyuga, abahugurirwa mu kigo ayobora banahabwa n'andi masomo arimo kubigisha amateka yaranze u Rwanda, ubumwe n'ubwiyunge, gahunda ya Ndi Umunyarwanda, gukora imishinga itandukanye no kwizigamira.

Majoro RUTAGENGWA Samuel yagaragaje kandi ko abari (kongeramo ko) guhugurwa i Mutobo nibarangiza kwiga imyuga, bazafashwa na RDRC kubona ibikoresho bizabafasha gutangira gushyira mu bikorwa ibyo bize.

Yagize ati "iyo abagenerwabikorwa bacu bamaze kwiga imyuga tubafasha gutangira gushyira mu bikorwa ibyo bize kandi turabakurikirana umunsi ku wundi. Abarangije kwiga imyuga ubu yabateje imbere ku buryo bugaragara, ubu babayeho neza nk'abandi Banyarwanda bose, ndetse batunze n'imiryango yabo".

Yasoje asaba abakiri mu mashyamba ya Congo gutaha kuko mu Rwanda bakirwa neza, by'umwihariko bakazana n'abana babo bakiga, bityo bakabasha kugera ku byiza by'igihugu cyabo nk'abandi.

Majoro RUTAGENGWA Samuel yagize ati "U Rwanda ni igihugu cyabo cyababyaye kandi cyiteguye kubakira nk'abana bacyo. Turabakangurira gutaha kandi bakazana n'abana bakiga. Igihugu kiratekanye, cyimakaje ubumwe n'ubwiyunge. N'ubwo hari umwanya abari mu mashyamba ya Congo bataye, ariko kandi nta rirarenga, nimuze mwiteze imbere musangire n'abandi banyarwanda amahirwe ahari. Iterambere rirahari, ibikorwaremezo biriyongera umunsi ku wundi"

Majoro RUTAGENGWA Samuel yasabye kandi abasubizwa mu buzima busanzwe bavuye mu mashyamba ya Congo kugira uruhare mu gukangurira abo basizeyo gutaha, babasangiza amakuru nyayo ku Rwanda, ndetse banabaha ubuhamya bw'aho bavuye naho bageze, haba mu mibanire yabo n'abandi ndetse no mu iterambere ryabo muri rusange.



Umuyobozi w'Ikigo cya Mutobo, Majoro RUTAGENGWA Samuel, avuga ko imyuga ari kimwe mu bifasha kuzamura imibereho y'abasubijwe mu buzima busanzwe

# IMBOGA N'IMBUTO ZINJIRIZA PRIVATE (RTD.) MUNYARUKUNDO WAMUGARIYE KU RUGAMBA ASAGA 100,000 FRW

Private (Rtd.) Munyarukundo Jean Bosco wasezerewe mu gisirikare mu 1997, aratangaza ko kuba yaratakaje ukuboko ku rugamba rwo kubohora igihugu bitamubujije kwiteza imbere abikesha kwigirira icyizere no gukoresha imbaraga ze zose.



No mu gihe cy'impeshyi Private (Rtd.) Munyarukundo aba asarura amatunda

Private (Rtd.) Munyarukundo Jean Bosco w'imyaka 43 amaze gusubizwa mu buzima busanzwe yafashijwe na Komisiyo y'igihugu yo gusezerera abasirikare no kubasubiza mu buzima busanzwe (RDRC) kubona isambu n'inzu atuyemo mu Mudugudu wa Muyange, Akagali ka Rwoga, Umurenge wa Ruhango, Akarere ka Ruhango.

Nyuma yo kubona aho aba, Private (Rtd.) Munyarukundo avuga ko yicaye agatekereza ku cyo yakora cyazajya cyunganira inkunga y'amafaranga 35,000 frw ahabwa buri kwezi agenerwa abamugariye ku rugamba bo mu cyiciro cya 2 cy'ubumuga.

Yagize ati "nyuma yo kubura urugingo, niyubatsemo imbaraga z'ikizere mbifashijwemo na RDRC. Komisiyo yampaye inkunga ikomeye y'inama n'amahugurwa yatumye mbasha gutekereza icyo nabasha gukora mu bushobozi bwanjye ngo niteze imbere ntategereje kubeshwaho n'inkunga gusa. Ni uko igitekerezo cyo gukora ubuhinzi cyaje".

Private (Rtd.) Munyarukundo Jean Bosco yakomeje agaragaza ko nyuma yo kugira igitekerezo cyo gukora ubuhinzi kinyamwuga, yahise afata isambu nto yahawe maze arayitunganya atangira guhinga imboga n'imbuto gutyo.

Yagize ati "Nta butaka buba buto, upfa kuba ufite ibitekerezo bizima, isambu yanjye narayifashe ncukura ibyobo bifata amazi, ndanayifumbira, ntera amatunda, ibinyomoro, ibisheke, ibihaza, avoka n'ibindi."

Ku bijyanye n'inyungu amaze gukura mu buhinzi bwe, Private (Rtd.) Munyarukundo yagize ati "ni nyinshi cyane, murambona meze neza mbasha kurya neza kandi nkanasagurira amasoko!. Iyo imbuto zeze mfata izo ndya, izindi nkazigurisha ndetse nkaha n'abaturanyi. Si ibyo gusa kuko mbasha kwambara neza, nta kintu nkenera ngo nkibure."

Iyo Private (Rtd.) Munyarukundo ajyanye imbuto ku isoko avuga ko akora imibare akandika buri kintu cyose yashoye mu buhinzi bwe, ni ukuvuga ibyinjiye n'ibisohotse kugira ngo abashe kumenya uko yunguka, ati "nkuko nabikubwiraga ibi byose nabihuguwemo na RDRC".

Nyuma yo gukora iyo mibare yose Private (Rtd.) Munyarukundo Jean Bosco avuga ko nibura abona inyungu y'ibihumbi 100,000 frw ku kwezi mu gihe cy'isarura.

Yagize ati "mu by'ukuri iyo ibihe byagenze neza, mu gihe cy'isarura mbona amafaranga agaragara aturutse muri ubu buhinzi bwanjye. Kandi nakubwira ko kimwe mu bintu byatumye nkunda ubuhinzi bw'imbuto ni uko iyo zeze zitajya zibura isoko, cyane ko usanga abenshi banaza kuzimbaza hano mu rugo. "

Ku bijyanye n'abasuzugura umwuga w'ubuhinzi Private (Rtd.) Munyarukundo Jean Bosco yavuze ko byose biterwa n'imyumvire. Ati "ababusuzugura ni abatazi amafaranga abuvamo. Ikintu cyose kigira inyungu iyo ugikora afite ubushake. "

Aha kandi Private (Rtd.) Munyarukundo Jean Bosco agaragaza ko kwizigamira nabyo biri mu byatumye abasha kugera ku ntego ze. Ati "RDRC yatwigishije kwizigamira no gukorera hamwe mu makoperative. Nanjye rero iyo maze gufata aya mafaranga mvana mu buhinzi bwanjye, mfataho ayo nkeneye nkayakoresha asigaye nkayajyana kuri konti yanjye maze nkayazigama. Ibi bituma mbasha kwaka inguzanyo no gukora indi mishinga ibyara inyungu".



Private (Rtd.) Munyarukundo mu murima we w'ibisheke



Imboga nazo ziri mu byinjiriza agatubutse Private (Rtd.) Munyarukundo

Private (Rtd.) Munyarukundo Jean Bosco avuga kandi ko mu minsi iri imbere afite intego yo kwagura ubuso ahingaho imboga n'imbuto kandi akabikora kinyamwuga, aho ngo ateganya no kugura imashini yuhira imyaka mu gihe azaba abonye ubushobozi.

Usibye imboga n'imbuto, Private (Rtd.) Munyarukundo Jean Bosco yanatangiye gukora ubundi buhinzi bw'imyumbati.

Private (Rtd.) Munyarukundo Jean Bosco (aseka), yagize ati "njyewe nta mwanya wo gupfa ubusa ngira. Nakubwira ko aha nahinze imyumbati hahoze hateye indabo. Naricaye ntekereza kuhabyaza umusaruro. Negereye inzobere mu buhinzi ncukura ibyobo birebire nshyiramo ifumbire. Aha mpafite ibiti bigera ku icumi by'imyumbati, iyo kimwe cyeze mvanamo ibiro nibura 20, ni ukuvuga ko ibi biti byose hamwe nibyera bizampa ibiro 200. Murumva namwe rero inyungu irimo".

Private (Rtd.) Munyarukundo Jean Bosco yakomeje avuga ko ibyo agezeho byose abikesha gukora atizigamye, kandi ko yumva muri we agomba kugira uruhare rugaragara mu iterambere ry'aho atuye n'iry'igihugu muri rusange.

Yagize ati "ntacyo Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda itahaye abaturage bayo by'umwihariko abasirikare basubijwe mu buzima busanzwe. Amahoro twarayaharaniye tuyageraho, ubumwe n'ubwiyunge bugerwaho, igisigaye ni ukwiteza imbere kandi nta kabuza nidufatanya tuzabigeraho".

Si ibyo gusa kuko Private (Rtd.) Munyarukundo Jean Bosco avuga anashimishwa n'uko yafashije abaturanyi be kurwanya imirire mibi, cyane cyane mu bana. Yagize ati "hano ntuye mbere hagaragaraga ikibazo cy'imirire mibi mu bana kubera ko batabashaga kurya imboga n'imbuto. Maze gutangira gukora ubu buhinzi, abaturage narabegereye mbigisha uko bazirya, kugeza ubu nakubwira ko hano ntawe utazi akamaro k'imbuto n'imboga, cyane cyane muri iyo mikurire myiza y'abana nakubwiraga".

usibye izi nyungu zose, Private (Rtd.) Munyarukundo avuga ko abaturage baturutse hirya no hino mu gihugu baza kumusura bagatangara cyane, ati "benshi nabigishije gukora ubuhinzi, biteje imbere. Urumva ko nanjye mfite umusanzu ukomeye mu iterambere ry'aho ntuye, n'iry'igihugu muri rusange".

Mu gusoza, Private (Rtd.) Munyarukundo yasabye bagenzi be kwigirira icyizere bagatekereza kucyo bakora cyabateza imbere kabone niyo baba bafite ubumuga. Aha yavuze ko ushoboye gukora ubuhinzi yabukora, cyangwa se agahitamo undi mwuga yabasha gukora bitewe n'ubumuga afite.

Yatanze urugero rw'uko uwamugaye amaguru ashobora gukora umyuga akoresheje amaboko, mu gihe udafite amaboko nawe yatekereza ku mwuga yakora. Yagize ati "imyuga ni myinshi, udashoboye guhinga wacuruza, wadoda, cyangwa se ugashaka ubundi bukorikori wakora".

Yashimiye kandi RDRC idahwema kubaba hafi mu rugendo rw'iterambere barimo.

# BUMBOGO: ABAMUGARIYE KU RUGAMBA BARISHIMIRA AMAZU YO GUTURAMO BAHAWE

Abahoze ari abasirikare bari mu byiciro by'abafite ubumuga batishoboye batuye mu Mudugudu w'icyitegererezo uri mu Mudugudu wa Karambo, Akagali ka Mukuyu, Umurenge wa Bumbogo, mu Karere ka Gasabo; baravuga ko nyuma y'ubuzima bubi babayemo bw'ubukode no guhora bimuka, ubu bashimira Komisiyo y'igihugu yo gusezerera abasirikare no kubasubiza mu buzima busanzwe yabubakiye amazu yo kubamo.



Umuryango wa Private (Rtd.) Muhire Alexandre ni umwe mu miryango yamaze guhabwa amazu mu mudugudu wa Mukuyu

Umudugudu wa Mukuyu ugizwe n'inzu 22 zigezweho zubatse mu buryo buri buri nzu ebyiri ziba zifatanye ziturwamo n'imiryango ibiri izo nzu zikaba zizatuzwamo imiryango 44 y'abahoze ari abasirikare bamugariye ku rugamba badafite amacumbi Ubu hamaze gutuzwamo imiryango 30.

Abashyirwa muri iyi nzu bitabwaho byihariye, bakavuzwa, bagakorerwa isuku n'ibindi byose bakenera ku buryo biyumva nk'abafite umuryango.

Abatujwe muri aya mazu bavuga ko igikorwa nk'iki kibereka ko igihugu kidahwema kubazirikana.

Umuryango wa Private (Rtd.) Muhire Alexandre n'umufasha we Mukanoheri Angelique ni umwe mu miryango yamaze guhabwa amazu muri uyu Mudugudu. Alexandre avuga ko nyuma yo gusezererwa mu gisirikari mu 1997, yabayeho akodesha bituma ashaka akazi mu isosiyete icunga umutekano ya ISCO kugira ngo abone amafaranga yo kwishyura ubukode bw'icumbi ry'umuryango we.

Avuga ko bwari ubuzima bugoye kuko amafaranga yahembwaga muri iyo mirimo yakoraga atari ahagije ngo abashe kwishyura ubukode bw'icumbi no gutunga umuryango we, ubuzima avuga ko ubu yaruhutse nyuma yo kubona iyi nzu.

Yagize ati "nkimara kubona iyi nzu numvise nduhutse, ndetse ntangira kugira icyizere cy'imibereho myiza yanjye y'ejo hazaza, cyane ko amafaranga natangaga ku bukode bw'inzu ubu nyakoresha mu bindi binteza imbere".

Ayo mazu bubakiwe basangamo ibikoresho by'ibanze birimo intebe zo mu ruganiriro, n'izo mu cyumba cyo gufatiramo amafunguro, ibitanda na matela, ubwogero, ubukarabiro, igikoni ndetse ikagira n'ikigega cy'amazi hanze.

Mukanoheri Angelique umufasha wa Private (Rtd.) Alexandre na we avuga ko yashimishijwe cyane no kuva mu buzima bari babayemo kuko bahoraga bahangayitse ndetse ubu akaba ashobora no gutekereza ibindi bikorwa yakora biteza imbere urugo kuko umuhangayiko warangiye.

Abatujwe muri uyu mudugudu bavuga ko nibamara kubona umuriro w'amashanyarazi bazahita batangira kuwubyaza umusaruro bihangira imyuga yo kubateza imbere.

Twababwira ko kugeza ubu mu Kagali ka Mukuyu mu Murenge wa Bumbogo hamaze kubakwa imidugudu ibiri y'abari abasirikare basubijwe mu buzima busanzwe.



Amwe mu mazu meza yubakiwe abamugariye ku rugamba mu Mudugudu wa Mukuyu



**Abamugariye ku rugamba nabo ntibatanzwe mu mirimo itandukanye ibateza imbere**



**Ibikorwa by'ubuhinzi ni bimwe mu byunganira imibereho y'abagenerwabikorwa ba RDRC**


**ADDRESS**

Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera Abasirikare no Kubasubiza mu Buzima Busanzwe **(RDRC)**

P.O. Box: 7277 Kigali, Rwanda

**Email:** demob@rdrc.org.rw/demobrwanda@yahoo.com

**Tel:** +250 587159/ **Fax:** +250 587160

**Website:** www.demobrwanda.gov.rw